Bazaltinda Thomas

- Lettre
11/5/1987

1 pce 1 doc

cl DG [handwritten: DG → DGSL]

Kigali, kuwa 11 Gicurasi 1987

Bwana Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
K I G A L I.-

Bwana Ministri,

Nkulikije ingingo ya 7 y'amategeko agenga inteko itanga amanota mw'irushanwa ligamije kujonjora orchestri zajya zizihiza ibitaramo (Banquets Officiels), igihe u Rwanda rwagenderewe n'abakuru b'ibihugu n'aba za Guverinema, nishimiye kubagezaho :

- Raporo y'imigendekere y'irushanwa ryabaye taliki ya 3 Gicurasi 1987;
- Inyandiko y'amategeko yagenze inteko itanga amanota;
- N'inyandiko-mvugo y'inama yo kuwa 27 Mata 1987 yateguye irushanwa.

Perezida w'inteko
itanga amanota
BAZATSINDA Tomasi.-

Bimenyeshejwe :

- Abagize inteko yatanze amanota (BOSE)

Raporo y'imigendekere y'irushanwa ligamije kujojora orchestri zizihiza ibitaramo (Banquets Officiels), igihe u Rwanda rwagenderewe n'abakuru b'ibihugu n'aba za Guverinema.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Kw'italiki ya 03 Gicurasi 1987, i KIGALI mu nzu ndangamuco y'u Rwanda n'Ubufransa habereye irushanwa lyateguwe na Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative. Ilyo rushanwa lyahuje orchestri 11 kandi lyali ligamije gutoranya orchestri 4 za mbere zajya zizihiza ibitaramo (Banquets Officiels), igihe u Rwanda rwagenderewe n'abakuru b'ibihugu by'inshuti n'aba za Guverinema.

Inteko itanga amanota yagiye yumva abarushanwa ikulikije listi yashyizweho ku bulyo bwa tombola, hanyuma buli muntu mu bagize inteko agatanga amanota ahereye ku bigenga-sesengura inteko yemeje mu nama yayo yabaye kuwa 27 Mata 1987.

Birangiye, inteko itanga amanota yaliherereye, abayigize bashyira hamwe amanota batanze, banashaka ayo buli wese mu barushanijwe yagize kw'ijana.
Uko amanota yatanzwe niko yavuzwe mu ruhamwe, ntacyo yahinduweho.

Iyo nteko yarebeye hamwe inama yagira abarushanijwe kugira ngo mu yandi marushanwa bazabe baragize icyo bunguka. Izi nama zagejejwe ku barushanijwe na Prezida w'inteko itanga amanota mbere y'uko abatangaliza ayo bagize.

1. Prezida w'inteko yabanje gushimira Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yiyemeje gukoresha iryo rushanwa, kuko uretse ko lyatumye igera ku ntago yateganyijwe ariyo yo kubona za orchestres 4 z'ingenzi zazajya zizihiza ibitaramo igihe habaye Banquets Officiels muri iyi minsi iri mbere, bene ayo marushanwa agaragaza ko Ministeri idahwema gushakisha icyatuma abacuranzi bacu bajya mbere. Koko rero gukoresha amarushanwa ni kimwe mu bishobora gutera inkunga abacuranzi, bagahimba bizeye agahimbaza musyi, bagahura, buri wese akareba intera yateye kuko abona urubuga rwo kwigereranya na bagenzi be, bityo n'udahembwe akahungukira byinshi.

2. Prezida w'inteko yashimiye kandi abagize za orchestri kuba beje mu irushanwa. Akomeza agira ati : "utabusya abwita ubumera". Yumvisha abali aho bose ko umulimo wo guhimba ukomeye yemwe naho umuntu yahabwa igihe kirekire. Avuga ko mu byerekeye ubuhanga bwo gucuranga orchestres zacu zimaze gutera imbere, ariko zikaba zitarashobora kuzimiza mu rwego rwo guhimba.

3. Yasabye orchestri zarushanijwe ko ubutaha zajya zita ku ngingo zigenga irushanwa. Benshi rero ntabwo bumvise ko basabwe umuziki mwiza kandi woroheje ubereye za Banquets Officiels. Bibwiye ko ibyerekeranye no guhindura imyenda, guhimbarwa no kubyina aribyo by'ingenzi.

.../...

Inyandiko-mvugo y'inama yahuje abagize inteko itanga amanota mw'irushanwa ligamije kujonjora orchestri zizihiza ibitaramo (Banquets Officiels), igihe u Rwanda rwagenderewe n'abakuru b'ibihugu n'aba za Guverinema.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Mu kigwi cya Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative Bwana NKULIKIYINKA Yohani Baptista niwe watangije iyo nama saa tatu zuzuye. Ku bantu cumi bagize iyo nteko habonetse balindwi :

- Bwana MUHINDA SEMWAGA Erinesiti
- " BAZATSINDA Tomasi
- " NKULIKIYUMUKIZA Fideli
- " MASABO NYANGEZI Yuvenali
- " HARELIMANA Selestini
- " UWIMANA Yohani Maria Viyani
- Madame MUKAMURENZI Mariana.

Bwana NKULIKIYINKA Yohani Baptista yatangiye ashimira abagize inteko kuba bitabiliye umulimo Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ibasaba, asobanura muli aya magambo impamvu zatumye Ministeri itegura iryo rushanwa. "Ubusanzwe ibitaramo biteganyilizwa abakuru b'ibihugu, bikunze kwizihizwa na za orchestri IMPALA, n'ABAMARARUNGU. Ibyo byatumye izindi orchestri zibaza impamvu nazo zitigera zijya kuli gahunda y'ibyo bitaramo. Icyo kibazo kimaze kumvikana nibwo Ministeri yiyemeje gukoresha irushanwa kuwa 3 Gicurasi 1987 rikazagaragaza orchestres 4 z'ingenzi zajya zihabwa uburenganzira bwo kwizihiza bene ibyo bitaramo".

Ubwo Bwana NKULIKIYINKA yakomeje avuga ko abagize inteko bagiye gusuzuma umushinga w'amategeko bazakulikiza, ibyo bigakorwa ari uko habanje kuba itora ry'abagize Komite y'Inteko.
Itora rirangira ryemeje ko : BAZATSINDA Thomas aliwe Prezida w'Inteko; UWIMANA Yohani Mariya Viyani, umwungilije ;MUKAMURENZI Mariana umwanditsi.

Muli ako kanya Prezida w'Inteko itanga amanota niwe wasabwe kuyobora inama. Aliko mbere yo gusuzuma umushinga w'amategeko abagize inteko bagomba gukurikiza, habanje gutangwa ibisubizo ku bibazo byatanzwe n'abagize Inteko. Ibyo bisubizo bikubiye mu ngingo zikulikira.

- Hatumiwe orchestri 14, aliko izemeje ko zizaza mw'irushanwa ni esheshatu gusa.
- Buli orchestri izalilimba indilimbo eshanu, buli yose ifate igihe cy'iminota 4 cyangwa 5, hazakoreshwa kandi urulimi rubonetse rwose.

.../...

Amategeko agenga inteko itanga amanota mw'irushanwa ligamije kujonjora orchestre zizizihiza ibitaramo (Banquets Officiels), igihe u Rwanda rwagenderewe n'Abakuru b'Ibihugu n'aba za Guverinema.

======================

**Ingingo ya 1** : Inteko itanga amanota mw'irushanwa ligamije kujonjora orchestri zajya zizihiza ibitaramo (Banquets Officiels) igihe u Rwanda rwagenderewe n'Abakuru b'Ibihugu n'aba za Guverinema, yitwa muli aya mategeko, INTEKO, igizwe n'abantu icumi bashyizweho na Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative.

**Ingingo ya 2** : Mbere yo gutangira imilimo yayo, inteko yitoramo Prezida, umwungilije n'umwanditsi.

**Ingingo ya 3** : Ibyemezo by'inteko bihama ali uko abarenze kimwe cya kabili (½) cy'abayigize babyemeje. Iyo banganya, ijwi rya Prezida likemura impaka.

**Ingingo ya 4** : Inteko itanga amanota kw'ijana (%) ihereye ku bigenga-sesengura bikulikira :

1) Ukugaragara kwa orchestre (Présentation de l'orchestre) ;
2) Imiterere y'amajwi (Qualité des mélodies);
3) Impuza-majwi n'injyana (Harmonie et rythme);
4) Imiterere y'amagambo (Qualité des textes);
5) Umwimerere (Originalité) Authenticité
   Présentation sur scène
   - Tenue
   - Conduite
   - Temps pour reglage des instruments.

**Ingingo ya 5** : Amanota agabanijwe muli ibi bigenga-sesengura ku bulyo bukulikira :

| | | |
|---|---|---|
| - Ukugaragara kwa orchestre | : (Présentation de l'orchestre) | : 15% |
| - Imiterere y'amajwi | :(Qualité des mélodies) | : 25% |
| - Impuza-majwi n'injyana | :(Harmonie et rythme) | : 15% |
| - Imiterere y'amagambo | :(Qualité des textes) | : 20% |
| - Umwimerere | :(Originalité) | : 25% |

.../...

Ingingo ya 6 : Buli muntu mu bagize inteko atanga amanota mu ibanga. Igihe cyo kugena uko orchestre zakoze irushanwa zarushanijwe, bateranya amanota yose yatanzwe, hanyuma igiteranyo kibonetse kikagabanywa n'umubare w'abatanze amanota. Ayo manota abonetse ntagomba guhindurwa, kereka iyo hali izanganije kandi zihiganira igihembo kimwe. Icyo gihe abagize inteko bumvikana kuyo bagomba guhemba mw'ibanga.

Ingingo ya 7 : Prezida w'inteko niwe utangaliza mu ruhame amanota yemejwe burundu. Ni nawe kandi ushinzwe kugeza kuli Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative raporo yanditswe y'uko irushanwa ryagenze.

Ingingo ya 8 : Bitabangamiye uburenganzira inteko ihabwa n'amategeko agenga ili rushanwa, Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ashobora gusaba inteko kugira bimwe ihindura mu byemezo byayo. Afite kandi uburenganzira bwose bwo kohereza abakozi be kugira ngo bakulikire imilimo y'inteko. Ibyo alibyo byose, aba bakozi nta ruhare bagomba kugira mu byemezo by'inteko.

Ingingo ya 9 : Aya mategeko azakulikizwa gusa mw'irushanwa ligamije kujonjora za orchestre zajya zizihiza ibitaramo (Banquets Officiels) igihe u Rwanda rwagenderewe n'Abakuru b'Ibihugu n'aba za Guverinema b'Ibihugu by'inshuti, guhera umunsi abagize inteko barenze bibili bya gatatu bayashyiliyeho umukono.

Ingingo ya 10: Ibyemezo by'abagize inteko ntibijulirirwa.

Bikorewe i Kigali, kuwa 27/4/1987

Abagize inteko itanga amanota :

1) BIKINDI Simon (sé)
2) UWIMANA J.M.Vianney (sé)
3) MUKAMURENZI Mariane (sé)
4) NDUNGUTSE Alexis
5) KAMALI Alphonse (sé)
6) MUHINDA SEMWAGA Ernest (sé)
7) BAZATSINDA Thomas (sé)
8) NKULIKIYUMUKIZA Fidèle (sé)
9) MASABO NYANGEZI Juvénal (sé)
10) HARELIMANA Célestin (sé).

- Ku kibazo kerekeye abaza kureba za orchestri mw'irushanwa, abagize inteko basanze abantu benshi bashobora kubangamira akazi kabo kubera urusaku muli Salle. Hemejwe ko Ministeri izateganya abantu bashinzwe disipilini y'abo bantu.

- Inteko yifuje ko hateganywa icyumba cy'ubwiherero bwayo mu gihe cyo guteranya amanota, kandi ko hakoreshwa tombola ku mugaragaro yerekana za orchestri zizasigara kuli scène mu gihe inteko izaba yiherereye.

- Orchestres, haba mu myifatire yazo, haba mu buhimbyi, zigomba kwerekana igitaramo kigaragaza ibyiza biranga umuco w'igihugu cyacu. N'ubwo zifite uburenganzira bwose bwo gucuranga no kulilimba ziyambaje inganzo n'injyana z'ahandi, zigomba kubikora ku buryo hagaragara ko ibyiza by'ahandi tubiha umwanya mu gihe byuzuza iby'iwacu.
Hemejwe ko iyo ngingo ikwiye kwitabwaho cyane, maze orchestres zizajya ziseruka muri za Banquets Officiels zikaba koko zikwiye kugirirwa icyizere gihagije ko zizerekana ibiroli bihesha agaciro umuco w'u Rwanda, bikaba byaha abashyitsi bahire bagendereye u Rwanda urubuga rwo gusogongera kuri bimwe mu byiza biranga uwo muco, ku buryo bazatahana urwibutso n'imvugo nziza ku gihugu cyacu n'abagituye.
Abagize inteko bemeje ko ibyo bizitabwaho na buli wese igihe azaba atanga amanota cyane cyane ku byerekeye imyifatire ya orchestri (présentation sur scène) no ku bireba umwibariko wa buli orchestri n'umwimerere w'ibyo ikina (originalité).

- Abali mu nama bifuje kandi ko muli bene ibyo bitaramo hashyirwamo umuziki w'abantu balilimba ku giti cyabo (les solistes) hamwe n'umuziki wa fanfare.

Abali mu nama bamaze kumenyeshwa ibikubiye mu mategeko agenga irushanwa lya za orchestri bahereyeko bibanda ku mategeko agenga inteko itanga amanota. Ayo mategeko akubiye mu mugereka uherekeje iyi nyandikomvugo.

4. Orchestri zasabwe kwilinda kuzalira kuli scène, bakiranura imirya cyangwa se bahuzagulika kuko bene ibyo bitaboneye igihe orchestri iyi n'iyi yaramuka isabwe gususurutsa igitaramo gikoneye nka Banquet Officiel.

5. Orchestri zigannye indilimbo z'abandi zasabwe kuzigana uko zili, zaba zigize icyo zihinduraho zikubahiriza uburenganzira bw'abazihanze.

Prezida w'inteko amaze kugeza izi ngingo ku barushanijwe yababwiye amanota bagize atibagiwe gutangaza ko orchestres enye iza mbere arizo zihembwa, izindi zo zikaba zaragenewe amafaranga 3.000 kubera kuba zarigomwe imirimo yindi, zikiyemeza kuza mu irushanwa.

Dore imbonera hamwe igaragaza imyanya yaza orchestres zarushanijwe :

| Umwanya | Amazina | Amanota | Ibihembo |
|---|---|---|---|
| 1. | SALUS POPULI | 81,63 | 30.000 FRW |
| 2. | ABAMARARUNGU | 80,30 | 15.000 FRW |
| 3. | INGELI | 78,86 | 7.500 FRW |
| 4. | Les 8 ANGES | 62,57 | 5.000 FRW |
| | | | Ishimwe |
| 5. | [illegible]KUREBURWA | 60,28 | 3.000 FRW |
| 6. | PAMARO | 59,54 | 3.000 FRW |
| 7. | MUHABURA | 59,36 | 3.000 FRW |
| 8. | HARAMBE AFRIKA | 58,20 | 3.000 FRW |
| 9. | Les CITADINS | 55,21 | 3.000 FRW |
| 10. | AKAGERA NATIONAL | 51,46 | 3.000 FRW |
| 11. | PAKITA | 50,55 | 3.000 FRW |

Irushanwa lyarangiye Prezida ashima orchestri enye zatoranijwe avuga kandi ko muli rusange orchestri zabonye amanota menshi arenze 50 kw'ijana iyo ikaba ali intambwe ishimishije.

Yarangije agira ati "twizeye ko abatabaye ingenzi cyane bazaba inkotanyi cyane ubutaha".